AKARERE KA KAMONYI
UMURENGE WA GACURABWENGE
SACCO IBONEMO GACURABWENGE

Gacurabwenge,kuwa 12/01/2024

Tel:250788596552 MANAGER
Tel:250783322977 PRESIDENT
E-mail:saccogacurabwenge@gmail.com
TIN :102056138

# ITANGAZO RY'ISOKO RYO GUTANGA IKIZAMINI CY'AKAZI

**SACCO IBONEMO GACURABWENGE(SIGA)** yishimiye kubamenyesha ko ishaka gutanga isoko ryo gutegura,gutanga no gukoresha ikizamini cy'umukozi ushinzwe ubugenzuzi bw'imbere mu kigo(Internal Auditor).

**Abashaka gupiganirwa iryo soko bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:**

a) Kuba upiganwa ari mu bemerewe gukoresha ibizamini mu bigo by'imari;
b) Kuba yarigeze gutanga ibizamini mu bigo by'imari;
c) Kuba yiteguye gukurikiza ingengabihe yateguwe;
d) Gutegura no gukosora ikizamini mu gifaransa no mu cyongereza;
e) Gutegura no gukoresha interview n'ikizamini cya mudasobwa ku bakandida batsinze ikizamini cyanditse;
f) Gutanga raporo ikizamini kikimara gusozwa.

**Ibisabwa kugezwa kuri SACCO IBONEMO GACURABWENGE(SIGA)**

a) Icyemezo cya Banki Nkuru y'u Rwanda kimwemerera gukorana n'ibigo by'imari;
b) Umwirondoro (CV)na fotokopi y'indangamuntu ku muntu wikorera ku giti cye cyangwa icyemezo kigaragaza ko ari ikigo cyandikishijwe muri RDB;
c) Kwerekana inyandiko z'aho yatanze ibizamini nibura mu bigo by'imari bibiri(2);
d) Icyemezo cyo kutabamo umwenda w'imisoro gitangwa n'ikigo cy'Igihugu gishinzwe imisoro n'amahoro (Tax Clearance Certificate);
e) Icyemezo cyo kutabamo umwenda w'imisanzu gitangwa n'ikigo cy'ubwiteganyirize mu Rwanda(Contributions Clearance Certificate) niba upiganwa ari ikigo;
**f) Kugaragaza igiciro cyose cy'imirimo izakorwa mu mafranga y'u Rwanda.**

Itariki ntarengwa yo kugeza ibisabwa ku cyicaro cya SACCO IBONEMO GACURABWENGE(SIGA) ni kuwa gatandatu tariki ya 27/01/2024 saa yine za mugitondo .Amabaruwa arimo ibisabwa azahita afungurwa ako kanya saa yine.

Mugire amahoro.

SACCO IBONEMO
SIGA GACURABWENGE

**NIYIRORA Venuste**
**Umuyobozi w'inama y'ubutegetsi**